Umurage Urukwiye

Episode 1

TX: April 16, 2007

TIME: 8:20 PM

PRODUCER: CHRISTINE

CAST: Julia, Cyungo

EPISODE 1
SCENE 1

SETTING: KIMIHIGO, KIE basketball game

EFFECTS: Noise of basketball players, those attending game and referee (before end of match)

1 Julia: (Yishimye Cyane) Mbego ukunta uri umukinnyi w'akataraboneka!

2 Cyungo: (Yishimye) Nibyo? Urankabirije rwose

3 Julia: Reka da! Uri umukinnyi mwiza pe!

4 Cyungo: Yoooh! Sha urakoze cyane

5 Julia: Njyewe izina ryanjye ni Julia

6 Cyungo: (Yisikesha atuje() Julia, uti ko nari nasanzwe nkuzi?

7.Julia☹atunguwe)Ngo wari uisanzwe unzi? Simbihamya!

8.Cyungo:Byemere(atuje)Ni igihe kidasanzwe kuri njye kuba nkuvugisha.

9.Julia:(aseke) Sha wambwiye ukuntu waba waramenye?

10.Reke ibyo tubyihorere.Ahubwo nyibwirira icyo ukina? Tennis,echec,golf,Julia mbwira.

11.Julia:(aseke) Ngaho gerageza ufore?

12.Cyungo:Julia, ntabwo byoroshye gusa ndabona..(amuce mu ijambo)

13.Julia:Reka ngufashe, nkina tennis

14. Cyungo:Wow! nibyo nari ngiye kuvuga(yishimye)

15.Julia:(atungurwe)Urambeshya(avuga yirya) usanzwe uzi izina ryanjye none unazi ko nkina Tennis.Simbyumva

16.Cyungo:Julia,reka noneho nkubwire.

17.Julia:Ndakumva kandi nsanzwe nkubona mu kigo.

18.Cyungo:(nakubonye usohoka mu ishuri) Urabona …..mbease na (amuce mu ijambo)

19.Julia:Wagize ute?

20.Cyungo:Ok! Ubusanzwe se uza kureba kenshi aho dukina?

21.Julia: Si kenshi, keretse rimwe na rimwe iyo mpugutse.

22.Cyungo: Uhugutse!Ubusanzwe se ubundi ukunda gukora iki?

23.Julia:Nkunda gusoma ibitabo by'urukundo.

24.Cyungo:Ooh! Ni byiza Julia uri umukobwa mwiza(umuntu hirya ahamagare)

25.Julia: Ni wowe witwa Cyungo ko mbona ari wowe bahamagara?

26.Cyungo: Oohh! Mbabarira Julia, sinakubwiye izina ryanjye natekerezaga ko urizi. Nitwa Cyungo.

27.Julia: Nibyo numvaga baguhamagara, gusa ntabwo nkunda gufata amazina nkayo.

28.Cyungo:Ah!Uriya mureke, arantegereza ndumva kuganira nawe bindutira kugenda.

29.Julia: Nizere ko nta gahunda zawe ndi kwica.

30.Cyungo:Oya oya nta kibazo.Ahubwo twazxanye kujreba aho ukina tennis.Sibyo!

31.Julia: Njyewe ariko ntabwo ndagera ku rwego rw'amarushanwa nkawe.

32.Cyungo:Nta kibazo uzabigeraho. Julia, uretse gukina Tenis no ggusoma ibitabo by'urukundo ukunda iki kindi?

33.Julia:Cyungo, aaaah!ko numva ushaka kumenya byose? Ok nkunda kumva indirimbo zo mu gihe gisanzwe.

34.Cyungo: Mbega byiza!

35.Julia:Nakumenye.Ndabizi ibyo ugiye kuvuga.

36.Cyungo:Nibyo? Julia usanze wibeshye!

37.Julia:Reka duhindure ikiganiro.Sibyo se? Nihe wigiye basketball kugeza aho uba umukinnyi umeze utyo?

38.Cyungo:Julia, nabyigiye mu mashuri yisumbuye,kera nari umukubaganyi cyane nakoraga ibintu byinshi,nari(amuce mu ijambo)

39.Julia:Ariko warahindutse pe!Abantu benshi bavuga ko uri umwana mwiza cyane.

40.Cyungo:Julia urabikabya cyane!

41.Julia:Ni ukuri ,kuki wumva ko naba ngukabirije cyane?

42.Cyungo: ok! Nyemerera ngushimire cyane .Julia urakoze.

43.Julia:Eeeeh!Mana weeeee ! uzi ko…

EPISODE II

SCENE IV Mukampabuka na Sada baraganira bari mu nzu kwa Musoni

SETTING:HERERABANDI

SFX: INYONI ZIVUGA

Mukampabuka: Ese nyiramukoo!Nturabyuka? ko utashatse se ubwatsi bwo gusasira ikawa?

Sada:(avuga yayura)